REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, kuwa 19 MAI 2020
N°1147/16.03/UMJ/RLMUA/01

IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU RWANDA
P.O Box: 433 KIGALI

Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere ka.....(UTURERE TWOSE)

Impamvu: Kohereza amafishi avuguruye n'andi mashya akoreshwa mu gutanga serivisi z'ubutaka

Madamu/Bwana;

Nshingiye ku itegeko N° 43/2013 ryo kuwa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda mu ngingo zaryo zinyuranye zivuga ku ihererekanya ry'ubutaka;

Nshingiye kandi ku Iteka rya Minisitiri N° 002/2008 ryo ku wa 01/04/2008 rigena uburyo iyandikishwa ry'ubutaka rikorwa mu ngingo zaryo zinyuranye zigize umutwe wa III uvuga ku byerekeye uburyo rejisitiri z'ibyemezo by'ubutaka zikorwa;

Maze kubona ko amafishi akoreshwa mu gutanga serivisi z'ubutaka yaherukaga kuvugururwa mu mwaka wa 2019 igihe kikaba cyari kigeze ngo yongere avugururwe hagendewe kuri gahunda za Leta zigamije kunoza no gutanga serivisi zihuse;

Mbandikiye mbohererereza amafishi avuguruye n'andi mashya yiyongereyeho azajya akoreshwa mu gutanga serivizi z'ubutaka. Mushobora no kuyasanga ku rubuga rw'Ikigo Gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda arirwo: http://www.rlma.rw.

Abakozi bo ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Umurenge bashinzwe gutanga serivisi z'ubutaka bahawe igihe cy'ibyumweru bibiri (2) uhereye ku tariki aya mafishi asohokeye kugira ngo dosiye zakiriwe mbere hifashishijwe amafishi yari asanzwe zibanze zikorwe zive mu nzira. Nyuma y'icyo gihe nta dosiye nimwe izongera kwakirwa mu gihe hatakoreshejwe amafishi mashya.

Mugire amahoro.

Espérance MUKAMANA
Umuyobozi Mukuru n'Umubitsi Mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Bimenyeshejwe:
- Madamu Minisitiri w'Ibidukikije
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Guverineri w'Intara (Bose)
- Umubitsi w'Impapurompamo z'Ubutaka (Bose)